KUBYAZA RAMADHANI UMUSARURO UKORA IBIKORWA BYA SANAT.

NIBA USHAKA KUBONA IBIHEMBO BYUZUYE BY’IGISIBO, NO KUMVA UBURYOHE BWACYO, JYA WITA CYANE KURI SUNAT Z’IGISIBO.

MURI IZO SUNAT:

-KURYA IDAKU MU IJORO RYA NYUMA NUBWO BYABA ARI UKUNYWA INTAMA Y’AMAZI.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N’IMIGISHA) YARAVUZE ATI “KURYA IDAKU NI UMUGISHA, BITYO NTIMUZAYIREKE NUBWO BYABA KUNYWA INTAMA IMWE Y’AMAZI,

KUKO IMANA IHA UMUGISHA ABARYA IDAKU N'ABAMALAYIKA BABASABIRA IMIGISHA"

- KWIHUTISHA KURYA IFUTARI, BAGITORA ADHANA, UGAHERA KU ITANDE ZA RUTWABU, UTAZIBONA UKARYA ITENDE ZA TAMURAT, UTAZIBONA UKANYWA INTAMA RUNAKA Z'AMAZI, NKUKO BYAVUZWE MURI HADITH.

- GUSABA UBUSABE IGIHE UGIYE GUFUTURU, UKAVUGA UTI "DHAHABA DWAMAU WA BUTALATIL URUQU WA THABATAL AJIRU INSHAALLAH"

- GUFUTURISHA ABASIBYE: HADITH IRAVUGA ITI

"UZAFUTURISHA UWASIBYE AZABONA IBIHEMBO NK'IBYUWO WASIBYE, KANDI NAWE BITAMUGABANYIRIJE IBYE BIHEMBO"

- GUKORA UMURAT MURI RAMADHANI: INTUMWA MUHAMADI YARAVUZE ATI "GUKORA UMURAT MURI RAMADHANI BINGANA NO GUKORA HIJA"

- AMANYWA YOSE KWIRIRWA USABA UBUSABE NO GUSOMA QOR'AN, NIBINDI BIKORWA BITANDUKANYE BYAKWEGEREZA IMANA.

- RAMADHANI NI UMWANYA WO GUSHIMANGIRA UKWEMERA NO

GUTSINDIRA IJURU NDETSE NO KUROKOKA UMURIRO.

INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N’IMIGISHA) YARAVUZE ATI “AZABA AHOMBYE UMUNTU UZINJIRA MU KWEZI KWA RAMADHANI, HANYUMA KUKARANGIRA ATABABARIWE IBYAHA”